Lettre circulaire destinée à toutes les entités de passation des marchés publics-

# National Tender Board

Kigali, ku wa 08 NOV 2007
N° 010/2007- 1758 /NTB

**Madamu, Bwana Umunyamabanga**
**Mukuru muri.....**
**KIGALI**

***Impamvu* : Kwibutsa gukora inyigo no gukurikirana imirimo ku masoko y'imirimo**

Madamu, Bwana Munyamabanga Mukuru,

Mu igenzura Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Amasoko ya Leta kimaze iminsi gikora kimaze kubona ko hari amasoko y'imirimo (marchés de travaux/ works) atangwa, hanyuma akavukamo ibibazo bigatuma igikorwa cyari kigamijwe kitagera ku ntego. Icyagaragaye ni uko ku ruhande rw'Inzego za Leta, muri ibyo bibazo ibyinshi bituruka cyane cyane ku nyigo ziba zitarakozwe neza no kudakurikirana bihagije ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano.

Kubera izo mpamvu, Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Amasoko ya Leta kiributsa inzego zose za Leta ko isoko ryose ry'imirimo (travaux/works) rifite agaciro kangana na miliyoni icumi z'amafaranga y'u Rwanda (10 000 000 Frw) cyangwa hejuru, rigomba kubanza gukorerwa inyigo (study/étude) kandi hagateganywa uburyo bwo gukurikirana imirimo (surveillance) nk'uko byari byarasabwe mu ibaruwa N° 010/2005-1215/NTB yo ku wa 08/09/2005.

Izo serivisi zo gukora inyigo no gukurirana imirimo zigomba gukorwa na biro y'inzobere yemewe cyangwa inzobere yigenga yemewe cyangwa se umukozi ufite ubushobozi wakorana kontaro y'akazi na nyirigikorwa. Iyo agaciro k'imirimo kari munsi miliyoni mirongo itanu z'amafaranga y'u Rwanda (50 000 000 Frw), izo serivisi zishobora gukorwa n'iriya mpuguke yigenga cyangwa se uriya mukozi wagirana kontaro na nyirigikorwa izamara igihe kingana n'igihe imirimo izakorerwamo. Naho ku masoko afite agaciro kari hejuru ya miliyoni mirongo itanu, izo serivisi zigakorwa na biro yemewe.

Kugira ngo nyirigikorwa akurikiranire hafi imirimo, ni ngombwa ko hakorwa nibura inama za « chantier » ebyiri mu kwezi, zikayoborwa nawe cyangwa umuhagarariye.

Mugire amahoro.

**SEMINEGA Augustus**
**Umunyamabanga Nyuubahirizategeko**
**wa "National Tender Board"**

**Bimenyeshejwe:**

- Bwana Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi.

*National Tender Board, B.P. 4276 ; Avenue de la Paix ;*
*Tel.: (250) 501403/501404/501405 Fax : (250) 501402*
**e-mail: ntb@rwandatel1.rwanda1.com**
**website :www.ntb.gov.rw**